



**AMATSINDA Y'IMIKINO KU BANA BATO:
IMFASHANYIGISHO IGENEWE ABAKORERABUSHAKE**

Amatsinda y'imikino agenewe abana b'imfubyi batishoboye ndetse n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo. Yashoboye gushyirwaho kubera inkunga yatanzwe n'abaturage ba Leta Zunze Ubumwe z'Amerika bayinyujije mu Kigega cya Leta zunze ubumwe z'Amerika gishinzwe iterambere mpuzamahanga, USAID mu magambo ahinnye. Ibikubiyemo bireba Global Communities ariko ntibivuze ko ari ibitekerezo bya USAID cyangwa ibya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.

USAID ni ikigega cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika gikorana na Leta y'u Rwanda mu guteza imbere ubuzima imibereho myiza y'abaturage no guteza imbere iterambere mu by'ubukungu na politiki. Imishinga iterwa inkunga na USAID mu rwego rw'ubuzima, ubukungu na demokarasi n'imiyoborere myiza igerwaho ku nkunga duterwa n'abaturage b'Amerika.



PEPFAR, ni umushinga wa Perezida wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika wo kurwanya ikwirakwizwa ry'agakoko gatera icyorezo cyugarije isi aricyo SIDA.. Mu Rwanda uyu mushinga ufasha mu bikorwa by'ubujyanama no kwipimisha ku bushake agakoko gatera SIDA, ifasha ibikorwa biteza imbere urubyiruko, utanga imiti igabanya ubukana ku babana na virusi itera SIDA ikanafasha kandi mu burezi ndetse no mu mahugurwa ku bumenyi rusange ku bana b'imfubyi n'abandi bana batishoboye mu Rwanda. Iyi nkunga ya PEPFAR yatangijwe ku mugaragaro mu mwaka wa 2003. Kugeza ubu PEPFAR ikaba iri ku isonga mu gutanga inkunga irwanya icyo cyorezo.



Global communities ni Umuryango Mpuzamahanga udaharanira inyungu ukorana bya hafi n'abaturage ku isi hose mu rwego rwo kuzana impinduka zirambye ziteza imbere imibereho myiza y'abatishoboye n'imiryango yabo. Global Communities yatangiye gukorera mu Rwanda mu mwaka wa 2005, ifasha abaturage guteza imbere imiryango mu mibereho yayo. Global Communities ikorana kandi n'Imiryango Nyarwanda Mfatanyabikorwa iyongerera ubushobozi mu bikorwa byayo mu gutanga serivisi.



Gushimira

Iki gitabo cya 2 cy'Imfashanyigisho y'amatsinda y'imikino cyakorewe ubugororangingo na Global Communities, Imiryango Nyarwanda Mfatanyabikorwa nyarwanda: Ishyirahamwe ry'Amatorero y'Abapantekoti mu Rwanda (ADEPR), Caritas-Rwanda, Duhamic-Adri, icyuzuzo, umuryango 'Women's Equity in Access to Care and Treatment' (WE-ACTx for Hope) n'Ikigega Women Investment Fund (WIF), ndetse n'abakorerabushake bo mu turere twa Gakenke, Rulindo, Ruhango, na Gasabo. Gikubiyemo ibitekerezo n'amasomo byavuye mu matsinda y'imikino asanzweho ku isi hose, n'amasomo yavanywe mu mushinga w'icyitegererezo wo gushyira mu bikorwa iyi gahunda mu Rwanda.

Turashimira byimazeyo abakorerabushake b'Abanyarwanda bagira uruhare mu matsinda y'imikino n'ababyeyi bo mu turere twa Gakenke, Ruhango na Gasabo bitabiriye ibiganiro nyunguranabitekerezo mu matsinda y'imboni kubera ibitekerezo n'ibyifuzo birambuye baduhaye.

Abateguye iyi mfashanyigisho bifashishije imikino n'ibikorwa byatanzwe n'ababyeyi n'abakorerabushake bo mu matsinda y'imikino, banifashisha inyandiko nyinshi, bagenda bahuza imfashanyigisho n'ibikoresho bisanzweho bikubiyemo politiki n'igenamigambi rya Leta y'u Rwanda mu bijyanye n'imikurire y'abana bakiri bato – reba urutonde rw'inyandiko n'ibitabo byakoreshejwe.

Ushatse ibindi bisobanura wabariza ku murongo wa Interineti ukurikira: info@globalcommunities.rw.

Global Communities Rwanda
Avenue de l'Umuganda
Kacyiru Nord, Plot 1091
PO BOX : 7820
Kigali, Rwanda

AMASHAKIRO

AMATSINDA Y’IMIKINO MURI MAKE	1
Amatsinda y’imikino ni iki?	1
Ni ibihe byiza by’amatsinda y’imikino?	1
Amatsinda y’imikino ategurwa ate?	2
Ni ibiki byitabwaho mu guhitamo abakorerabushake b’amatsinda y’imikino?	3
Uruhare n’inshingano by’abakorerabushake b’amatsinda y’imikino ni ibihe?	4
Uruhare rw’ababyeyi/abarezi mu matsinda y’imikino ni uruhe?	4
Aho itsinda ry’imikino rihurira hatoranywa gute?	4
Ni ubuhe bwoko bw’ibikorwa bibera mu matsinda y’imikino?	5
Ni gute umuntu yamenya ko itsinda ry’imikino ryagenze neza?	5

IBYICIRO N’UBWOKO BY’UMUKINO	7
------------------------------	---

INCAMAKEY’IMFASHANYIGISHO	9
Ishingiro ry’amatsinda y’imikino	9
Ni kuki iyi mfashanyigisho yateguwe?	10
Wakoresha ute iyi mfashanyigisho?	10

KUYOBORA ITSINDA RY’IMIKINO	12
Urugero rwa gahunda yakurikizwa mw’ itsinda ry’imikino	12
Gukangura ababyeyi & Abayobozi b’ibanze	13
Gutegura ahazabera imikino no gutunganya aho itsinda ry’imikino rikorera	13
Gucunga itsinda ry’imikino	13
Ikaze & kwibwirana	12
Kwishyushya	13
Umukino Usanzwe Uteguye	13
Igihe Buri Muntu Yigengaho – Umukino Uteguriweho	14
Amagambo Asoza No Gusezeranaho	14
Gusukura	14

IBITEKEREZO BYA GUFASHA UTEGURA IMYITOZOYO	
KWISHYUSHYA: Ku bana b’ imyaka iri hagati 2-5	16
Umwitozo Wa 1: Singing In Numbers – Number 1, Number 1, Where You Are?	17
Umwitozo Wa 2: Kubyina No Guhagarara	18
Umwitozo Wa 3: Gukoma Amashyi	19
Umwitozo Wa 4: Igihe Cyo Kubara Inkuru	20
Umwitozo Wa 5: Waramutse Kazuba – Good Morning Mr.Sun	22
Umwitozo Wa 6: Umuvugo – Njye Nkunda Igikoma	23
Umwitozo Wa 7: Ibyumviro Bitanu By’umubiri Wacu	24

IBITEKEREZO BYA GUFASHA UTEGURA IMYITOZOY’UMUKINO	
USANZWE UTEGUYE: Ku bana b’ imyaka iri hagati 2-4	27
Umwitozo Wa 1: Simoni Aravuze Ngo	28
Umwitozo Wa 2: Agaca Gafata Inkoko	30
Umwitozo Wa 3: Mbe Murobyi Amazi Ageze He?	31
Umwitozo Wa 4: Agatambara K’umwana W’imana	32
Umwitozo Wa 5: Ibice By’umubiri	33
Umwitozo Wa 6: Gusukura Intoki	35
Umwitozo Wa 7: Muremure Na Mugufi	37

IBITEKEREZO BYA GUFASHA UTEGURA IMYITOZOY’UMUKINO	
USANZWE UTEGUYE: Ku bana b’ imyaka 5 kuzamura	39
Umwitozo Wa 1: Agati	40
Umwitozo Wa 2: Gukurikira Ishusho	41
Umwitozo Wa 3: Gufata Umurizo W’indogobe	46
Umwitozo Wa 4: Inyoni Ziguruka	47
Umwitozo Wa 5: Umukino Wo Kunyuza Agapira Hejuru No Minsi	48
Umwitozo Wa 6: Gukora Amatsinda Hakurikijwe Umubare Runaka	49
Umwitozo Wa 7: Sakwe Sakwe	50

UMUGEREKA	52
Ibitabo byakoreshejwe	52
Izindi nyandiko zakoreshejwe	52



AMATSINDA Y'IMIKINO MURI MAKE



Amatsinda y'imikino muri make

Amatsinda y'imikino ni iki?

Itsinda ry'imikino ni ihuriro ry'abana n'ababyeyi cyangwa abarera abana, rikaba rigamiye guteza imbere imikurire y'umwana ku mubiri no mu mitekerereze binyuze mu mikino isanzwe iteguwe ndetse n'uyo bateguriye aho. N'ubwo buri tsinda riyoborwa n'abakorera bushake bahuguwe, ababyeyi / abarera abana bagira uruhare rukomeye igihe na bo biga uburyo bushya bwo gutinyura no gushyigikira abana babo.

Ubusanzwe amatsinda y'imikino amara hagati y'isaha 1 n'amasaha 2 kandi ashobora gutegurwa igihe icyo ari cyo cyose kandi agakorerwa ahantu habonetse hose hatekanye ku bana. Turifuza ko buri tsinda ry'imikino ryajya rihura nyuma y'igihe runaka nka rimwe mu cyumweru kugira ngo ibyiza by'ubu buryo bishobore kugerwaho ku rwego rwo hejuru.

Ni ibihe byiza by'amatsinda y'imikino?

Gukina ni ingirakamaro mu mikurire y'umwana. Binyujijwe mu mikino, abana bashobora guteza imbere ubushobozi bwo kwirwanaho mu buzima, ubushobozi bwo kubana n'abandi n'ubuhanga mu miyego. Ikindi kandi abana bamenya gutekereza no kunoza imibanire yabo n'abandi. Abana bose (abana b'imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo n'abatugarijwe n'ibibazo) bakura inyungu muri aya matsinda y'imikino

kubera ko aha abana amahirwe yo gukina no kwishimisha bari ahantu hatekanye. Iyi gahunda inashobora gufasha kumenya abana baba bakeneye inkunga y’inyongera no kubohereza aho babona ubufasha hababereye.

Buri mwana akura inyungu mu matsinda y’imikino kubera ko imikino ituma abana bashobora:

- Kongera ubushobozi bwo gutanga ibitekerezo no kubana n’abandi
- Kwiga kugaragaza ibibari ku mutima
- Kugira ubushobozi bwo gutekereza no gukemura ibibazo
- Kwiubakamo icyizere
- Kwiga uko babana neza n’abandi
- Gusobanukirwa neza umuco wabo n’amahame agenga imibanire y’abantu

“Itsinda ry’imikino ryabaye umwanya mwiza cyane ku mwana wanjye ndetse nanjye ubwanjye, nishimira ko umwana wanjye akina n’abandi bana kandi akunguka ubumenyi bushya nko gusangira n’abandi, kubara, kuririmba n’ibindi.”
—Umubyeyi witabira itsinda ry’imikino rya Musamo, Ruhango

Abana b’imfubyi n’abana bugarijwe n’ibibazo by’umwihariko bafashwa n’imikino kubera ibikomere byo ku mubiri no ku mutima bafite bituma baheranywa n’agahinda bakaba bagira n’ubuzima bubi. Ikindi kandi, iyo duhuje abana bugarijwe n’ibibazo n’abana basanzwe, bishobora gufasha kugabanya akato n’ivangura bikorerwa abana bugarijwe n’ibibazo hatangwa uburyo bubafasha gukinira hamwe no kwishima bari ahantu bumva batekanye kandi bitaweho.

Icyo nyuma ni uko ababyeyi na bo bahigira uburyo bushya bwo gufasha no gutuma imikurire y’abana babo yihuta. Kuba gukina bifite akamaro kandi bikenewe ntibizwi cyane mu Rwanda, bityo amatsinda y’imikino ashobora kugira uruhare rukomeye mu guteza imbere no mu kugena imyitwarire mishya y’ababyeyi – bigatuma habaho impinduka mu myitwarire no mu mibanire.

Amatsinda y’imikino ategurwa ate?

Mbere yo gushyiraho amatsinda y’imikino, Imiryango nyarwanda mfatanyabikorwa ikora muri uru rwego igirana inama n’Abayobozi b’ibanze, Abayobozi b’ibigo by’amashuri, Abakuru b’amadini, Abakangurambaga b’ubuzima, n’abandi bafatanyabikorwa b’ingenzi bakorana n’abana b’imfubyi n’abandi bana bugarijwe n’ibibazo kugira ngo baganire ku itsinda ry’imikino ryanyu no ku byiza byo gukina. Gushaka ibitekerezo n’inkunga mu kugaragaza imiryango ikeneye guhabwa iyi serivisi, no gukora imirimo y’ubukangurambaga mu baturage ku bijyanye n’inyungu zo gukina. Iyo imyitozo yo mu itsinda ry’imikino imaze gutangira, ni ngombwa kubanza gutanga amatangazo mu materaniro, cyangwa mu nama z’abaturage nko mu muganda kugira ngo hakorwe ubukangurambaga mu bantu benshi bashoboka.



Amasomo yavuye mu mushinga wigerageza w’amatsinda y’imikinoyerekanye ko itsinda ry’imikino rigomba gushingira ku bintu bikurikira kugira ngo rishobore kugera ku ntego zaryo:

- Gufatanya n’abayobozi b’ibanze (abayobozi bo ku rwego rw’Umudugudu, Akagari n’Umurenge) mu gukangurira ababyeyi kwitabira amatsinda y’imikino, gushaka ahantu hatekanye ho gukorera amatsinda y’imikino no mu guhitamo abakorera bushake bayobora amatsinda y’imikino.
- Guha ababyeyi / abarera abana uruhare mu gucunga imikino yo mu rwego rw’amatsinda y’imikino nko kuyobora imikino n’indirimo ndetse no mu kuyobora amatsinda mato.
- Kugirana inama n’ababyeyi iyo bishobotse buri gihembwe kugira ngo bagire icyo bavugaga ku migendekere y’imyitozo yo mu itsinda ry’imikino.

Ni ibiki byitabwaho mu guhitamo abakorera bushake b’amatsinda y’imikino?

Hashingiwe ku nama zitangwa n’ababyeyi n’abayobozi b’ibanze, hatoranywa abantu kugira ngo bategure kandi bayobore itsinda ry’imikino bagomba kuba bujije ibintu bikurikira:

- Kuba bazi ibyo bashinzwe, kugira ibitekerezo bizima kandi bubashywe n’abaturanyi.
- Kugaragariza abana urukundo no gushishikazwa mu by’ukuri n’imibereho myiza n’imikurire byabo.
- Kuba bazi ibijyanye n’umutekano w’abana no kubabungabunga.
- Kuba bihangana, bitonda kandi bumva abandi.
- Kuba bashobora kuyobora ibiganiro n’ibikorwa by’itsinda – bigenewe abantu bakuru n’abana.
- Kuba batuye aho itsinda ry’imikino rikorerwa.
- Kuba baboneka kandi bashakira gukorera ubushake.

Uruhare n’inshingano by’abakorerabushake b’amatsinda y’imikino ni ibihe?

Abakorerabushake ni bo bayobora mu by’ukuri itsinda ry’imikino. Bashinzwe:

- **Kureba niba ahakinirwa hatekanye.** Abana bagomba kumva bisanzuye kandi bishimiye cyane kwiga binyuze mu mikino.
- **Kumenyesha ababyeyi b’abana.** Ababyeyi n’abarera abana bugarijwe n’ibibazo bashobora gukenera abandi bantu babashishikariza kwitabira ibikorwa by’amatsinda y’imikino kandi bakabibutsa itariki n’isaha bizaberaho.
- **Gutegura no gufata neza ibikinisho by’itsinda ry’imikino.** Ibyo bikinisho bigomba kubikwa ahantu hasukuye kandi hatekanye kugira ngo bitabura cyangwa bikononekara.
- **Gutoranya ibikorwa byose by’itsinda ry’imikino.** Mbere y’ihuriro ry’itsinda ry’imikino, ingengabihe n’ibikinisho n’ibindi bikoresho bikenewe bigomba gutegurwa.
- **Gucunga ibikorwa by’itsinda ry’imikino.** Umurava n’ubushobozi bw’abakorerabushake mu kubitegura akenshi ni byo bituma itsinda rishobora kugera ku ntego zaryo. Imiryango igira uruhare mu matsinda y’imikino iba yifuza cyane ko abakorerabushake bayerekera kandi bakayitera akanyabugabo.
- **Guhura n’abana bagomba kwitabwaho ku buryo bwihariye.** Hari abana bashobora kuba hari ibindi bakeneye kubera ko badindiye mu mikurire yabo yo mu mutwe cyangwa y’umubiri. Birakwiye kugerageza guhura n’aba babyeyi n’abana no kurushaho kubatera akanyabugabo no kubereka umutima mwiza. Iyo bishoboka, ni byiza kugerageza kubohereza ahandi bashobora guhabwa serivisi n’ubufasha iwabo mu muryango.

Uruhare rw’ababyeyi/abarezi mu matsinda y’imikino ni uruhe?

Uruhare rw’ababyeyi/abarezi mu matsinda y’imikino ni ingenzi, bashobora gufasha abakorerabushake kureba ko aho bakinira hatekanye, guhitamo no gutera inkunga ibikorwa by’itsinda ry’imikino no gusukura no kubika ibikinisho by’abana nyuma ya buri huriro. Baba kandi bagomba guhumuriza, gushishikariza no gushyigikira abana babo mu gihe bagerageza umwitozo mushya n’umukino mushya. Twizeye ko ababyeyi/abarezi b’abana nibamara kwitegereza abana mu gihe na nyuma y’ibikorwa by’amatsinda y’imikino, bazumva neza kurushaho inyungu zo gukina no kwiga uburyo bushya bwo gufasha abana mu mikurire yabo binyujijwe mu mikino.

Aho itsinda ry’imikino rihurira hatoranywa gute?

Aho itsinda ry’imikino rihurira hagomba kuba hatekanye, hameze neza kandi nta mbogamizi hateye ku bana kandi habereye ababyeyi. Twizera ko amatsinda y’imikino hafi ya yose ashobora guhurira mu kigo kirera abana bato. Ariko rero iyo nta kigo kiri aho mutuye, mwakwita kuri ibi bikurikira mu guhitamo aho muhurira:

- Hagerwa n’ababyeyi n’abana bitagoranye.
- Haboneka amazi n’imisarani.
- Hagutse kandi hazitiye, ni ukuvuga kure y’umuhanda, inyamaswa n’amatsinda manini. (urugero: Isoko)
- Ntibahura n’imbeho cyangwa ubushyuhe bikabije.
- Hasukuye.
- Hatekanye.

Ni ubuhe bwoko bw’ibikorwa bibera mu matsinda y’imikino?

Ibikorwa binyuranye bifite amategeko abigenga n’ibitayagira biba bikenewe kugira ngo bitere inkunga Imbonezamikurire y’Abana bato (ECD). Ibi nimubizirikana, bizatuma mwumva mwakorana n’ababyeyi kugira ngo mugerageze gutegura ibikorwa biteza imbere umuntu muri rusange mu nzego 7 zitandukanye:

- **Guteza imbere Ubugeni n’Indimi:** ibikorwa bishishikariza kuririmba, kuvuga, gutega amatwi, gusoma, gushushanya no kwandika bifasha abana gukura mu mitekerereze no gushyikirana.
- **Ubushobozi mu kwihanganira ibintu no kubana n’abandi:** ibikorwa bishishikariza abana gushyikirana n’abandi no kumenya amarangamutima n’uko witwara imbere yayo bibafasha kubaka ubushobozi bw’ingenzi buzabafasha kubana neza n’abandi.
- **Imikurire mu bwenge:** ibikorwa bishishikariza abana gukusanya, kugereranya, kwibuka no gutondeka ibintu bifasha abana gukura mu buhanga bwo gusesengura no gukemura ibibazo.
- **Ubumenyigiro:** ibikorwa bituma abana bahorana ubuzima bwiza n’isuku ku mubiri kandi bakaba ahantu hasukuye, hateguwe neza bifasha abana kunguka ubumenyi bw’ingenzi.
- **Imibare:** ibikorwa birimo imibare, amashusho, ingano/indeshyo, ibiro n’amabara bibafasha gukura mu byo gusesengura no kubara.
- **Ubuhanga mu miyego:** ibikorwa birimo umuyego bifasha abana guteza imbere ihuzabikorwa, kugira imbaraga n’umuvuduko.
- **Ubumenyi:** ibikorwa bishishikariza kumenya no kubaha ibidukikije bituma abana batekereza ku isano iri hagati yabo n’ibibakikije.

Ibi bikorwa byose bigamije imikurire yabo bigomba kuba bisetsa abana! Ibi ni byo twita ‘Gukina ufite intego’.

Ni gute umuntu yamenya ko itsinda ry’imikino ryagenze neza?

- Kwitabirwa n’abana benshi cyane buri cyumweru barangwa n’umurava kandi bakagiramo uruhare rugaragara
- Umubare munini w’ababyeyi bitabira ibikorwa by’itsinda, barangwa no kwigirira icyizere mu gufashanya n’abarezi gutegura no gucunga amatsinda y’imikino kandi ibyo bagezeho bakabigeza ku bandi.

“Umuhungu wanjye ashobora kuvuga ibice by’umubiri byose mu Cyongereza kandi afite imyaka 3 y’amavuko gusa. Ndumva azatangira amashuri abanza azi amasomo yose biga mu mashuri abanza.”
—Umubyeyi witabira itsinda ry’imikino rya Musamo, Ruhango



IBYICIRO N'UBWOKO BY'UMUKINO

Ibyiciro n'ubwoko by'umukino

Imwe mu mpuguke zateguye imfashanyigisho, ibikoresho n'ibikinsho byateguwe n'Ikigo cy'igihugu gishinzwe integanyanyigisho [Guide for Family and Neighborhood Collection of Educational Materials, Equipment and Toys (Igitabo cya 7)] yagize ati:

Abana bigira mu mikino. Igihe abana bakina, bacengera ubumenyi kandi bakamenya neza ibibakikije. Bahakura ubumenyi bakeneye bakorakora, bitabira imikino bafite ubushake, basubiza ibibazo bahura na byo mu mikino.

Hari ibyiciro n'ubwoko butandukanye bw'imikino:

- **Imikino badafitemo uruhare:** abana iyo bakiri bato cyane cyangwa bari ahantu batamenyereye bakunze kwitegereza abandi bana bari gukina. Muri uko kwitegereza bahigira imiterere y'umukino, ibikoresho bishobora gukenywa mu mukino n'insanganyamatsiko z'umukino. Babona aho bashobora kwinjirira mu mukino. Iki ni icyiciro cy'ingenzi mu mukino.
- **Umukino ukinwa n'umuntu umwe:** Abana bato cyane n'abari ahantu batamenyereye kimwe n'abana bose mu gihe iki n'iki bakina bonyine. Iyi ni intambwe y'ingenzi igomba kugerwaho mu byiciro by'imikurire y'umwana. Iyo abana bakina bonyine, ingufu zose bazishyira ku isano iri hagati ya bo n'ibikinsho bari gukorakora no gukoresha. Hari igihe ntacyo bibabwira iyo abandi baje gukina na bo. Bashobora kandi kudakunda umukino mbonezamubano igihe bibanze gusa ku gikoresho bafite muri uwo mwanya.
- **Imikino ibangikanye:** Abana iyo ari bato cyane bakunze gukinira hafi y'abandi ariko ntibashyikirane cyangwa ngo bafatanye. Ibi ni kimwe no ku mikino ikinwa n'umuntu umwe uretse ko abana bayirimo bashimishwa no gukinira hafi y'undi mwana.
- **Umukino w'ubufatanye:** Iyo abana bigiye hejuru gato (nko ku myaka 3 cyangwa irenga, n'ubwo ibi bituruka ku bana ubwabo) bakunze gukina bafashanya, basangira umukino cyangwa ibikinsho kandi bakorera hamwe kugira ngo baryoshye umukino kurushaho. Ibi bikunze kubaho cyane cyane mu mikino y'ubwubatsi n'imikino yo kwiganana hagati yabo.
- **Umukino usanzwe uteguye:** Umukino usanzwe uteguye utegurwa n'umuntu ukuze. Ibikoresho bitegurwa mbere akenshi bifatiye ku hantu runaka nk'ibitaro cyangwa ibiro by'iposita.
- **Umukino bateguriyeho:** Ni umukino abana bihangira bo ubwabo abantu bakuru batabigizemo uruhare.



INCAMAKE Y'IMFASHANYIGISHO



Incamake y'Imfashanyigisho

Iyi mfashanyigisho izabafasha mu gushyiraho no gutera inkunga itsinda ry'imikino ku bana b'imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo bo mu mudugudu wanyu. Ikubiyemo amakuru y'ibanze abafasha kumenya uburyo amatsinda y'imikino yinjira muri gahunda irambuye ya Leta y'u Rwanda y'ibikorwa byihutirwa birebana n'iterambere ry'umwana kuva akiri muto (ECD), itanga ishusho rusange y'uburyo bukoresha amatsinda y'imikino hamwe n'ibikorwa ushobora gutegura mu gihe wakoreshije itsinda ry'imikino, n'inama zagufasha gutangira.

Ishingiro ry'amatsinda y'imikino

Ijambo 'Imbonezamikurire y'abana bato (ECD)' rivuga "Uburyo rusange bwo gushyira mu bikorwa politiki na gahunda bigenerwa abana kuva bavuka kugeza ku myaka 8 y'amavuko, ababyeyi babo n'abashinzwe kubitaho Intego yabyo akaba ari kubungabunga uburenganzira bw'umwana kugira ngo ashobore kongera ubushobozi bwe mu bijyanye n'ubwenge, imyumvire, imibanire n'abandi n'imikurire y'umubiri" (UNESCO 2001).

Mu Rwanda, abana bakivuka kugeza ku bafite imyaka 6 y'amavuko bugarijwe n'ibibazo by'ingutu (ibibazo bijyanye n'ubukene, ubupfubyi, ubumuga, Sida n'izindi ndwara), biterwa no kubura gahunda iboneye yo kuringaniza imbyaro n'ihohoterwa ry'abana. Ni yo mpamvu u Rwanda rugomba gushakira igisubizo iki kibazo kimunga iterambere ry'igihugu cyacu.

Gahunda y'imbonezamikurire y'abana bato (ECD) mu Rwanda igamije gufasha abana bose b'Abanyarwanda kugera ku bushobozi bwabo bwose (imikurire y'umubiri, mu bwenge, kuri roho, mu mibanire n'abandi no mu myumvire) n'ababyeyi kuba abantu bafata neza abana babategurira kwibeshaho ejo hazaza. Iyi ntego izagerwaho binyujijwe mu gutegura gahunda zigamije guteza imbere imikurire y'abana bato zishingiye ku baturage kandi bagiramo uruhare rugaragara, gushimangira no guhuza ibikorwa byo mu rwego rwa za serivisi zihuriweho n'inzego zinyuranye zigenewe abana n'ababyeyi.

Itsinda ry'imikino ku bana bari muni y'imyaka 5 ni bumwe mu buryo USAID/Higa Ubeho ikoresheye kugira ngo itere inkunga Gahunda ya Leta y'u Rwanda yerekeye imbonezamikurire y'abana bato. Umushinga USAID/Higa Ubeho utera inkunga amatsinda y'imikino y'abana 17 mu turere 6 ari two Ruhango, Muhanga, Rulindo, Gakenke, Gasabo na Kicukiro. Kubera ko umushinga wigerageza y'amatsinda y'imikino wagenze neza, gahunda y'itsinda ry'imikino yaraguwe igezwa mu turere twose 20 umushinga USAID/Higa Ubeho ukoreramo. Twizeye ko buri tsinda ry'imikino rizagira uruhare mu ishyirwaho ry'ibigo bitangirwamo uburezi bw'abana bato mu Rwanda hose kandi rigatuma bigera ku ntego zabyo.

Ni kuki iyi mfashanyigisho yateguwe?

Iyi mfashanyigisho yateguwe kugira ngo ifashe abakorerabushake mu kuyobora no gucunga ibikorwa by'itsinda ry'imikino ryabo. Itanga amakuru yoroshye kandi anoze abategura amatsinda y'imikino bashobora kwifashisha mu gutegura gahunda y'ibikorwa no kuyigeza ku bana bugarijwe n'ibibazo.

Mu gutegura iyi mfashanyigisho, twagerageje kwegeranya amakuru y'ingenzi kandi yafasha kurusha ayandi tuyakuye mu byakozwe mu Rwanda no ku rwego mpuzamahanga. Muri iki gitabo kivuguruye, imikino yateguwe ku bufatanye n'abarezi/abakorerabushake bagize uruhare mu kuyobora no gucunga umushinga wigerageza w'iyi gahunda washyizwe mu bikorwa muri 2010-2011. Turizera ko imiryango nyarwanda n'abakorerabushake bo ku rwego rw'imidugudu bazakoresheya iyi mfashanyigisho mu guteza imbere imikurire ku mutima n'umubiri y'abana b'imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo cyane cyane abari hagati y'imyaka 2 n'imyaka 5.

Wakoresheya ute iyi mfashanyigisho?

Nubwo mushobora gusoma imfashanyigisho yose urupapuro ku rundi, mushobora no kugenda musimbuka mukagera ahari amakuru mukeneye. Kubera ko iyi mfashanyigisho itanga gusa amakuru y'ibanze, turabashishikariza kandi gusoma izindi nyandiko ziboneka kugira ngo mwongere ubumenyi bwanyu.

Iyi mfashanyigisho ibaha ubushobozi bwo guhitamo ibikorwa, imikino, indirimbo n'amasomo yo mu matsinda aberanye n'imyaka y'abana mukorana na bo, igihe n'ibikoresho biboneka n'ahantu bitegurirwa.



KUYOBORA ITSINDA RY'IMIKINO



Kuyobora itsinda ry'imikino

Urugero rwa gahunda yakurikizwa mw' itsinda ry'imikino

Dore urugero rwa gahunda y'itsinda ry'imikino rukubiyemo ibisobanura abakorerabushake b'amatsinda bagenderaho:

Igikorwa	Igihe gishobora kumara
Kwifurizanya ikaze no kwibwirana	Iminota 20
Kwishyushya	Iminota 30
Ibikorwa mu matsinda mato - Umukino usanzwe uteguye	Iminota 30
Igihe buri muntu yigengaho – Umukino uteguriweho	Iminota 20
Amagambo asoza & Gusezeranaho	Iminota 10
Gusukura	Iminota 10

Gukangura ababyeyi & Abayobozi b'ibanze

Mbere yo gutangira ibikorwa by'itsinda ry'imikino:

- Ni ngombwa kumenya ko Abayobozi b'inzego z'ibanze n'Abayobozi b'amashuri y'incuke bazi neza ibyo bikorwa kandi ko babitera inkunga bakora ubukangurambaga mu baturage b'abakorerabushake bazagira uruhare mu bikorwa by'amatsinda y'imikino.
- Gusaba ko ibikorwa by'Amatsinda y'imikino bitangazwa igihe abaturage bateraniye hamwe nko mu muganda no munama y'ababyeyi kuri buri cyiciro cy'uburezi ibi bigakorwa n'Abayobozi b'amashuri bashishikariza ababyeyi kuba abakorerabushake no kubigiramo uruhare.
- Gushishikariza abana kubwira ababyeyi babo ibyo bakora mu itsinda ry'imikino.

Gutegura ahazabera imikino no gutunganya aho itsinda ry'imikino rikorera

Kugerageza gutegura aho muhurira mbere y'uko ababyeyi bahagera. Ibi bizatuma abana batangira gukina bakihagera. Mushobora gukenera imisambi iramburwa aho ababyeyi bafite abana bato bicara n'ahantu hihariye hateguriwe imikino/ibikorwa binyuranye.

Gucunga itsinda ry'imikino

Icyitonderwa: aya mabwiriza agamije kubafasha gukurikiza gahunda y'ibikorwa iri ku rupapuro rwa 12.

Ikaze & kwibwirana

Gusuhuza ababyeyi/abarezi b'abana uko bagenda baza baherekejwe n'abana babo no gusaba abana gukina n'abandi bakoresheje ibikinisho bihari. Mu gihe abana bari gukina, gusaba ababyeyi kwibwira abandi no kwerekana itsinda umwana wabo arimo.

Kwishyushya

Mu mwitoto wo kwishyushya, musabe ababyeyi n'abana kuririmba no kubyina indirimbo baze bazi (reba zimwe mu ndirimbo zikunda kuririmbwa ku rupapuro 7-14. Kora uko ushoboye ushishikarize abantu bakuze gutinyura abana babo bahuza na bo amaso, babamwenyurira, babatera ubutwari no kubafasha kuririmba no kubyina hamwe n'itsinda ryose. (Icyitonderwa: nta muyego mwiza n'umubi bibaho, abana baze ntibari ku kigero kimwe; intego ni ukwitabira ibyo bikorwa gusa.) Gushishikariza ababyeyi kwigisha indirimbo nshya, imikino cyangwa ibikorwa baba bazi bakaba bibwira ko byashimisha abana kandi bikabungura ubumenyi.

Umukino Usanzwe Uteguye

Ubwoko bw'imyitoto buterwa n'imyaka y'abana n'ibyo bakeneye n'urwego rw'icyizere n'ubushobozi bwo kuvumbura by'abakorerabushake b'itsinda ry'imikino. Na none bitewe n'umubare w'abana baje, uyu mukino ushobora gutegurirwa mu matsinda mato.

Kongera gusuzuma ubwoko bw'imikino bwagaragajwe ku rupapuro rwa 16 rw'iyi mfashanyigisho, kugira ngo muhitemo umwitozo umwe abana bashobora gukina hagati y'iminota 20 na 30. Gushishikariza abantu bakuze kwitegereza no gushimira abana igihe bemeye gukina.

Igihe Buri Muntu Yigengaho - Umukino Uteguriweho

Gusaba abana gukina ibyo buri wese ashaka, bahitamo ibikinisho cyangwa imikino bumva ibashimishije. Kongera gushishikariza ababyeyi kwitegereza abana babo— ese abana babo barishimye? Niyihe nkunga ababyeyi bashobora gutera abana babo kugira ngo barusheho kwishima cyangwa gukina/kwiga? Bumva bamerewe bate igihe bitegereza abana babo? (Mushobora gutembera mu itsinda no kuvugana n'umubyeyi umwe umwe muri icyo gihe.)

Amagambo Asoza No Gusezeranaho

Iyo buri mukino urangiye, musaba ababyeyi kuvuga ibyo bakunze muri uwo mukino n'ibikwiye kunozwa ubutaha. Gusoma umukino musaba abana gutera indirimbo zikunze kuririmbwa no kubashimira bose kubera uruhare rwabo.

Gusukura

Gusaba Umubyeyi w'umwana 1 cyangwa 2 kubika ibikinisho no gusukura aho bakiniye igihe umukino urangiye.

Inama z'ukuntu bayobora amatsinda manini

Duhereye ku mushinga w'icyitegererezo wakoze mu Rwanda, hari amatsinda y'imikino yitabiriwe n'abantu benshi cyane, barimo abana barenga 100. Gutegura no kuyobora ayo matsinda manini y'abana mu gihe cy'itsinda ry'imikino bisaba gukorana nabo mu matsinda mato cyane. Inama twakugira ni ugushyira abana mu matsinda ushobora kuyobora y'abana 20 -30 maze ugashyiramo ababyeyi bagufasha gucunga ayo matsinda.

Dore uburyo bubiri bwo gushyira abana n'ababyeyi mu matsinda. Ariko ushobora guhitamo ubundi buryo bwo gushyira abana mu matsinda bitewe n'intego y'itsinda ry'imikino ryawe.

Uburyo bwa 1: Gushyira hamwe abana ukurikije Umudugudu.

Icyiza cy'ubu buryo ni uko abana n'ababyeyi babo bashobora guteza imbere imibanire yo gufashanya n'abandi baturutse mu Mudugudu wabo.

Ibi bituma bakomeza kujya bahana ibitekerezo, bityo bikabatera kugira umwete nyuma y'itsinda ry'imikino.

Uburyo bwa 2: Gushyira hamwe abana ukurikije imyaka, nk'abana bafite imyaka 2-4 bakajya mu itsinda rimwe, n'abana bafite 5 kuzamura bakajya mu rindi tsinda.

Icyiza cy'aya matsinda ni uko abayobora amatsinda biborohera kubikora bita ku bintu biba bikenewe n'aya matsinda atandukanye, kubera ko abana bakuze baba bafite urwego rw'imyumvire n'ibyo bakunda bitandukanye n'iby'abana bakiri bato.

IBITEKEREZO BYA GUFASHA UTEGURA IMYITOZOYO KWISHYUSHYA: KU BANA B'IMYAKA IRI HAGATI 2-5





Ibitekerezo bya gufasha utegura imyitozo yo kwishyushya

Ku bana b' imyaka iri hagati 2-5

Iyi myitozo igenewe abana bafite kuva ku myaka 2 kugeza ku myaka 5 kandi ni yo mwifashisha by'ibanze igihe cy'imyitozo yo kwishyushya. Igizwe n'indirimbo, imivugo, udukuru n'ibindi. Mushobora guhindura ibyo bikorwa mukurikije ibyo mwumva biberanye n'aho mutuye.

Imyitozo ikubiye muri iki gice irimo:

- **Umwitozo wa 1: "Singing in Numbers – Number 1, Number 1, Where are you?"** Uyu mukino ufasha abana kongera ubushobozi bwabo mu kuvuga cyane cyane icyongereza no kubara.
- **Umwitozo wa 2: Kubyina no guhagarara** Uyu mwitozo ufasha abana kongera ubushobozi bwo kumva, gutekereza no guhuza ibikorwa.
- **Umwitozo wa 3: Gukoma amashyi** Uyu mwitozo ufasha abana kongera ubumenyi bw'imibare.
- **Umwitozo wa 4: Igihe cyo kubara inkuru** Kubara inkuru bifasha abana kongera ubushobozi bwo gutege amatwi no kwiga umuco n'imyifatire myiza.
- **Umwitozo wa 5: Waramutse Kazuba – Good Morning Mr.Sun** Uyu mwitozo ufasha abana kongera ubushobozi bwo gutege amatwi, gutekereza no guhuza ibikorwa.
- **Umwitozo wa 6: Ibyumviro bitanu by'umubiri** Uyu mwitozo ufasha abana kumenya ibijyanye n'ibyumviro bitanu by'umubiri wacu.

UMWITOZO WA 1: "SINGING IN NUMBERS – NUMBER 1, NUMBER 1, WHERE YOU ARE?"

Intego: Kongera ubushobozi bwo kuvuga no kubara.

Materials: Nta zo

Uko umwitozo ukorwa:

1. Gusaba abana guhagarara bakoze uruziga.
2. Sobanura: tugiye kuririmba indirimbo yimibare mu cyongereza, nimpamagara umubare mugomba kuza hagati mu ruziga maze mukabyina.
3. Saba abana babare kuva kuri 1 kugeza ku 10 mucyongereza noneho abana bakurikira numero ya 10 batangirire kuri 1 kugeza ku 10 noneho basubiremo kugeza igihe buri mwana abona numero. Gusaba buri mwana gufata numero ye mu mutwe.
4. Tangira indirimbo uvuga ati "Number 1, Number 1 (x2), Where are you? Noneho ba numero ya mbere bese bakaza hagati muruziga babyina/baririmba ngo "here I am, here I am." Ukongera ukavuga uti "how do you do?" bagakomeza gutyo kugeza igihe numero zose zirangiriye.
5. Rangiza ubashimira bese ko bazi kuririmba no kubara.

UMWITOZO WA 2: KUBYINA NO GUHAGARARA*

Intego: Kongera ubushobozi bwo gutega amatwi, gutekereza no guhuza ibikorwa.

Imfashanyigisho: Utugoma

Uko umwitozo ukorwa:

1. Saba abana n'ababyeyi guhagarara bakureba.
2. Sobanura:
 - Nimvuza ingoma twese turabyina.
 - Ariko nimpagarika kuvuza ingoma, namwe mugomba kurekeraho kubyina mugahita muhagarara uko mwari mumeze mutanyeganyega.
 - Ukomeje kubyina ingoma yacecetse agomba kwicara noneho ugashishikariza abasigaye mu itsinda kubyina.
 - Uwanyuma usigaye abyina ni we uba utsinze.
3. Tangiza umukino ubereka uko babigenza. Vuza ingoma maze ushishikarize abana kubyina. Noneho uhite ureka kuvuza ingoma utabateguje urebe ukomeza kubyina.
4. Shimira abana /ababyeyi bese kandi ubasobanurire ko noneho twese twumvise amategeko agenga umukino, ko dushobora gutangira umukino.

Icyitonderwa: Ushobora no gukoresha uyu mwitozo abana bonyine ababyeyi bo bareba uko abana babyina.

*Byavuye mu gitabo cyitwa 'Family Health International: Playgroup Activities.'

UMWITOZO WA 3: GUKOMA AMASHYI*

Intego: Kongera ubumenyi bw'imibare.

Imfashanyigisho: Nta zo

Uko umwitozo ukorwa:

1. Saba abana n'ababyeyi kwicara bakoze uruziga.
2. Sobanura:
 - Ngiye kuvuga umubare.
 - Nimumara kumva uwo mubare, turakoma amashyi inshuro zingana n'uwo mubare.
 - Urugero: Nimvuga kabiri, turakoma amashyi inshuro ebyiri. (Byerekane ukoma amashyi kabiri.)
3. Tangiza umukino:
 - Rimwe 1, noneho wowe n'abana mukome amashyi rimwe.
 - NKane 4, noneho wowe n'abana mukome amashyi kane.
4. Musubiremo uyu mukino kugeza igihe murangirije kuvuga imibare myinshi.

Icyitonderwa: ushobora kandi kwerekana imibare inyuranye ukoresheje intoki noneho ugasaba abana gukoma amashyi inshuro za buri mubare werekanye.

*Byavuye mu gitabo cyitwa 'Family Health International: Playgroup Activities.'

UMWITOZO WA 4: IGIHE CYO KUBARA INKURU*

Intego: Kongera ubushobozi bwo gutega amatwi no kwiga umuco n’imyifatire myiza.

Imfashanyigisho: Nta zo

Uko umwitozo ukorwa:

Saba abana n’ababyeyi babo kwicara bakoze uruziga bakureba. Noneho ubasabe gutega amatwi inkuru maze ubabaze ibibazo ku mpera ya buri nkuru.

Inkuru ya 1: Inkuru y’abana batatu

Intego: Kwigisha abana imico myiza(kutiba)

1. Habayeho abana batatu, umwe yitwa Rutwe, undi Buguru buzonzwe, undi yitwa Ruda. Umunsi umwe bajya kwiba amacunga. Bageze munsi y’igiti, Rutwe arararama areba amacunga mu giti, urutwe ruragwa ruratakara. Ruda abibonye araseka cyaneeeee!!!!,uruda ruraturika. Buguru nawe ariruka agiye gutabariza bagenzi be, ubuguru buravunika!
 - a. Mbese abana bitwa bande?
 - b. Mbese bari bagiye he?
 - c. Nonese byagenze gute?
2. Gusozwa ubwira abana ngo: Ni uko rero bana muje mwirinda kwiba mutazamera nkaba bana.

Inkuru ya 2. Sehene n’ihene ye!

Intego: Kwereka abana ububi bwo kuzerera no gusuzugura

1. Sehene yari afite ihene ayishyira mu kiraro, akayahirira ubwatsi bwiza akayihira. Arayibwira ati ugomba kujya uguma hano mu kiraro kuko umunsi wasohotse uzakura n’ikirura kikakurya. Umunsi umwe Sehene yagiye kwahira, ihene ibona adahari, yigira inama yo gusohoka ikajya kurisha ku gasozi. Igezeye ihura n’ikirura gihita kiyirya! Ihene igenda ityo.
 - a. Mbese ihene ya sehene yayishyizehe?
 - b. Sehene yabwiye gute ihene ye?
 - c. Nonese byagenze gute?
2. Gusozwa ubwira abana ngo: Si byiza rero kuzerera no gusuzugura ababyeyi, mutazamera nk’ihene ya Sehene.

*Byavuye mu gitabo cyitwa ‘Family Health International: Playgroup Activities.’

UMWITOZO WA 5: WARAMUTSE KAZUBA – GOOD MORNING MR.SUN

Intego: Kongera ubumenyi bw’abana bwo gutega amatwi, gushobora guhama hamwe, no guhuza ibikorwa.

Imfashanyigisho: Nta zo

Uko umwitozo ukorwa:

1. Saba abana n’ababyeyi bose guharara bakoze uruziga bakureba.
2. Sobanura: tugiye kuririmba indirimbo mu Cyongereza no mu Kinyarwanda. Umwarimu/umukorerabushake atangire maze abandi bose basubiremo ibyo avuze.

*Waramutse kazuba! (Good morning Mr.Sun!)
Amakuru yawe uyumunsi? (How are you today?)
Ngwino uduhe urumuri (Come and give us light)
Rwaka rwaka cyane! (Shine shine and shine!!!)*

*Imvura imvura wowe genda (Rain rain goes away)
Uzagaruke undi muni (Come back another day)
Abana bato bashaka gukina. (Little children want to play)*

Talalala talalala! ×2 (Cheers!!!!)

UMWITOZO WA 6: UMUVUGO - NJYE NKUNDA IGIKOMA

Intego: Guteza imbere ubushobozi bwo gutekereza.

Imfashanyigisho: Nta zo

Uko umwitozo ukorwa:

1. Saba abana kwicara bakoze uruziga.
2. Sobanura ko mwese mugiyeye gusubiramo ibyo uvuze noneho ko nyuma y’inshuro 3 muvuga umuvugo ukwerekeyeho.
3. Gutangira umuvugo:

*"Jye nkunda igikoma".
"Jye nkunda igikoma;
"Gitera imbaraga;
"Iyo ngiyeye kwiga;
"Ngenda nyoye igikoma
"Amasomo yose;
"Mwalimu aduhaye;
"Nkayatikura "Uwo muni kandi
"Imbeho ngo meee!!!!!!*

4. Babaze niba hari umuntu wahagaruka maze agasubiramo rimwe uwo muvugo noneho uwo mwana narangiza kuwuvuga usabe abandi kumuha amashyi menshi. Komeza gusaba abana batandukanye gusubiramo uwo muvugo abandi bakomere amashyi buri mwana uwuvuze.
5. Shimira abo bana kuba bafashe uwo muvugo mu mutwe.

UMWITOZO WA 7: IBYUMVIRO BITANU BY'UMUBIRI WACU

Intego: Kumenya ibyumviro bitanu by'umubiri.

Imfashanyigisho: Nta zo

Uko umwitozo ukorwa:

1. Saba abana kwicara bakoze uruziga.
2. Yobora ikiganiro ukoresheje ibibazo n'ibisubizo bikurikira.

(Icyitonderwa: koresha gusa uburyo bumwe niba uri kuganira n'abana bakiri bato kugira ngo ubahe umwanya uhagije wo gushaka buri gisubizo kandi bituma batarambirwa.)

Mbere yuko ukoresha uyumwitozo, ugomba kumenya niba nt'amwana urimo ubana nubumuga, urugero adafite ikimwe ibyumviro.

UBURYO BWA A

- "Amaso yanyu ari he?"
(Abana batunge intoki amaso yabo)
- "Amatwi yanyu ari he?"
(Abana batunge intoki amatwi yabo)
- "Umunwa wanyu uri he?"
(Abana batunge intoki umunwa wabo)
- "Izuru ryanyu ririhe?"
(Abana batunge intoki izuru ryabo)
- "Ibiganza byanyu biri he?"
(Abana berekane ibiganza byabo)

UBURYO BWA B

- "Mufite amaso angahe?"
(Abiri)
- "Mufite amatwi angahe?"
(Abiri)
- "Mufite iminwa ingahe?"
(Umwe)
- "Mufite amazuru angahe?"
(Rimwe)
- "Mufite ibiganza bingahe?"
(Bibiri)

UBURYO BWA C

- "Amaso yacu tuyakoresha iki?"
(Turebesha amaso yacu)
 - "Amatwi yacu tuyakoresha iki?"
(Twumvisha amatwi yacu)
 - "Umunwa wacu tuwukoresha iki?"
(Umunwa wacu tuwumvisha uburyohe)
 - "Izuru ryacu turikoresha iki?"
(Twihumuriza dukoresheje izuru ryacu)
 - "Ibiganza byacu tubikoresha iki?"
(Dufatisha ibiganza byacu)
 - "Ni iki mbonesha amaso abiri yanjye?"
((Umuryango wanjye, inshuti zanjye, amatungo, inzu yanjye, ikirere, n'ibindi)
 - "Ni iki numva ko kiryoshye nkoreshye umunwa wanjye?"
(Umuceri, inyama z'inkoko, umwembe, umutobe, umuti, amazi y'imvura, n'ibindi)
 - "Ni iki numva nkoreshye amatwi abiri yanjye?"
(Ikiganiro, inseko, indirimbo, inyamaswa, inkuba, imodoka, ipikipiki, n'ibindi)
 - "Ni iki nihumuriza nkoreshye izuru ryanjye?"
(Impumuro nziza – ibiryo, indabo, n'ibindi) (Impumuro mbi – umukungugu, imyanda, n'ibindi)
 - "Ni iki mfata nkoreshye ibiganza bibiri byanjye?"
(Umuryango wanjye, inshuti zanjye, imyenda yanjye, ibiti, ibimera, inyamaswa, n'ibindi)
3. Rangiza Umwitozo uvuga muri make ibyo abana bize.

IBITEKEREZO BYA GUFASHA UTEGURA IMYITOZO Y'UMUKINO USANZWE UTEGUYE: KU BANA B' IMYAKA IRI HAGATI 2-4



Ibitekerezo bya gufasha utegura imyitozo y'Umukino usanzwe uteguye

Ku bana b' imyaka iri hagati 2-4

Iyi myitozo izagufasha cyane cyane gutegura neza umwanya w'umukino usanzwe uteguye. Igenewe abana bafite imyaka 2-4, ariko bimwe muri ibi bikorwa bishobora no gutegurirwa abana barengeje imyaka 4. Ushobora rwose gukoresha iyi mikino ku bana bari mu matsinda y'imikino barengeje iyi myaka. Iyi myitozo ikubiyemo:

- **Umwitozo wa 1: Simoni aravuze ngo** Uyu myitozo uzafasha kongera ubumenyi bw'abana bwo gutega amatwi, gushobora guhama hamwe, no guhuza ibikorwa.
- **Umwitozo wa 2: Agaca gafata inkoko** Uyu myitozo ugamije kongera ubushobozi bwo gutekereza vuba no kugenda wihuta.
- **Umwitozo wa 3: Mbe Murobyi amazi ageheze?** Uyu myitozo ugamije gushishikariza abana kuvumbura no guhimba igihe biga ibice bigize umubiri.
- **Umwitozo wa 4: Agatambara k'umwana w'Imana** Uyu mwitozo ugamije gushishikariza abana kuvumbura.
- **Umwitozo wa 5: Ibice by'umubiri** Uyu mwitozo ufasha abana kumenya ibice bigize umubiri w'umuntu.
- **Umwitozo wa 6: Gusukura intoki** Uyu mwitozo ufasha abana kwiga ubumenyi bw'isuku bw'ibanze.
- **Umwitozo wa 7: Muremure na mugufi** Uyu mwitozo ufasha abana kongera ubushobozi bwo gutega amatwi no gushishoza.

UMWITOZO WA 1: SIMONI ARAVUZE NGO*

Intego: Kongera ubumenyi bw'abana bwo gutega amatwi, gushobora guhama hamwe, no guhuza ibikorwa.

Imfashanyigisho: Nta zo

Uko umwitozo ukorwa:

1. Saba abana guhagarara bakureba.
2. Sobanura:
 - Nintegeka nti "Simoni aravuze ngo..." mugomba gukora icyo mvuze. Urugero, nimvuga nti "Simoni aravuze ngo mufate ku izuru!" mugomba kwifata ku izuru.
 - Mugomba gukomeza kwifata ku izuru kugeza igihe mwumviye irindi tegeko rivuga ngo "Simoni aravuze ngo..."
 - Ariko, nimvuga nti "mwifate ku izuru!" ntimugomba kurikoraho kuko ntavuze ngo "Simoni aravuze..."
3. Tangiza umukino:
 - Vuga uti: "Simoni aravuze ngo mwifate ku mutwe."
 - Shimira abana ko bifashe ku mutwe – bateze amatwi neza.
 - Vuga uti "Simoni aravuze ngo mwifate mu mayunguyungu." Shimira abana ko bateze amatwi neza.
 - Vuga uti: "Muzunguze amaboko yanyu mu kirere." Shimira abana batakurikije iryo tegeko kubera ko utavuze ngo "Simoni aravuze ngo muzunguze amaboko yanyu mu kirere."
 - Mu buryo bw'umukino kandi bushimishije, saba abana 'bazunguje amaboko yabo mu kirere' bicare bitegereze uko itsinda rikomeza umukino.

4. Mukomeze umukino basubiramo kugeza igihe hasigariye umwana umwe – Ni we uba watsinze.

Icyitonderwa: Ababyeyi bashobora kwitabira uyu mukino, cyangwa bakiyicarira bakareba bagakurikira uko abana bakina uyu mukino.

*Byavuye mu gitabo cyitwa 'Family Health International: Playgroup Activities.'

UMWITOZO WA 2: AGACA GAFATA INKOKO*

Intego: Kongera ubushobozi bwo gutekerezza vuba no kwihuta.

Imfashanyigisho: Nta zo

Uko umwitozo ukorwa:

1. Hitamo umwana yigire agaca.
2. Hitamo undi mwana yigire inkoko.
3. Bwira abandi bana ko ari imishwi y'iyo nkoko.
4. Saba imishwi y'inkoko guhagarara ku murongo inyuma y'inkoko buri mushwi ufashe mu mayunguyungu y'uwundi.
5. Sobanura:
 - Agaca kagiye kugerageza gufata imishwi y'inkoko iri inyuma yayo.
 - Inkoko igomba kwiruka kugira ngo yirukane agaca irinde abana bayo.
 - Imishwi igomba kwirukankana na nyina ntiyigere irekura amayunguyungu y'undi mushwi cyangwa ya nyina iri imbere y'imishwi.
 - Agaca nikagufata urahinduka umwana w'agaca ujye guhagarara inyuma y'agaca ugafate mu mayunguyungu yako cyangwa y'umwana w'agaca. Umukino urangira iyo imishwi y'inkoko yose yamaze gufatwa n'agaca.
6. Tangiza umukino usaba inkoko n'imishwi gutangira guhunga agaca.
7. Iyo mubonye igihe cyo kongera gutangira umukino, ugerageza gutuma abana batandukanye bashobora kuba agaca cyangwa imishwi.

Icyitonderwa: Niba ufite itsinda rinini, hitamo abana benshi babe ari bo baba 'Inkoko'.

*Byavuye mu gitabo cyitwa 'Family Health International: Playgroup Activities.'

UMWITOZO WA 3: MBE MUROBYI AMAZI AGEZE HE?

Intego: Gushishikariza abana kuvumbura no guhimba igihe biga ibice bigize umubiri.

Imfashanyigisho: Nta zo

Uko umwitozo ukorwa:

1. Saba abana n'ababyeyi guhagarara ku murongo umwe bakureba. Hagarara usige umwanya hagati yawe n'abana. Bwira abana ko ugiye kwigana umurobyi.
2. Sobanura:
 - Tugiye gufata ko imbere yacu hari amazi menshi/ikiyaga noneho umurobyi uyarimo ni we wenyine utubwira ko twambuka muri ayo mazi.
 - Abana: "Mbe Murobyi amazi ageze he?"
 - Umurobyi asubize ati: "Amazi ageze ku kubirenge."
 - Abana: "Turayambuka gute?"
 - Umurobyi asubize ati: "Murayambuka musimbuka mufashe kumutwe."
3. Abana barambuka uko murobyi yababwiye.
4. Bamaze kuyambuka, ni ukuvuga ko baba bageze kuri murobyi bagasubira aho bari bahagaze biruka bakongera bakabaza Murobyi.
5. Bigakomeza bityo murobyi agenda ahindura bitewe ni icyo ashaka kwigisha abana.

UMWITOZO WA 4: AGATAMBARA K'UMWANA W'IMANA

Intego: Gushishikariza abana kuvumbura.

Imfashanyigisho: Agatambaro, cyangwa agakoni.

Uko umwitozo ukorwa:

1. Saba abana kwicara bakoze uruziga.
2. Sobanura:
 - Umwe muri mwe arahabwa agatambaro cyangwa agakoni hanyuma azenguruke uruziga aririmba: "Agatambaro k'umwana w'Imana kari he" abandi twese dusubize: "Ngako karahise."
 - Iyo umuntu ufite agatambaro cyangwa agakoni ataye agatambaro cyangwa agakoni ku bibero byawe, ugomba guhita uhaguruka ukazenguruka uruziga ukagerageza gusubira mu mwanya wawe mbere y'uko awugutanga.
 - Uhatanze undi ni we wicarana n'itsinda hanyuma wa wundi agatera akaririmbo "Agatambaro k'umwana w'Imana kari he" bikomeza bityo bityo kugeza igihe uruziga uruheturiye.
3. Banza ubereke uko bakina uwo mukino hanyuma batangire umukino.
4. Subiramo inshuro nyinshi.

Icyitonderwa: Ni byiza gukorera uyu mwitozo hanze. Ikindi kandi, ni ngombwa gushishikariza ababyeyi gutera morari abana igihe bazenguruka uruziga biruka.

UMWITOZO WA 5: IBICE BY'UMUBIRI*

Intego: Kumenya ibice by'umubiri w'umuntu.

Imfashanyigisho: Nta zo

Uko umwitozo ukorwa:

Uburyo bwa 1

1. Saba abana kwicara bakoze uruziga.
2. Sobanura:
 - Nimvuga izina ry'igice cy'umubiri, muracyerekana ku mubiri wanyu. Urugero, nimvuga "umutwe," tugomba kwerekana imitwe yacu.
3. Tangiza umukino:
 - Vuga "ijisho" maze utegereze abana/ababyeyi berekane amaso yabo.
 - Shimira abana bose.
 - Bashishikarize kuvuga ijamba 'ijisho' hamwe nawe.
4. Musubiremo uyu mwitozo kugeza igihe murangirije kuvuga amazina y'ibice binyuranye by'umubiri.

Icyitonderwa: Niba hari abana/ababyeyi babura ibice bimwe by'umubiri cyangwa bafite ubumuga bwihariye, ugomba kugerageza gukora ku buryo hatagira umenya ko babufite. Uwo muntu ufite ubumuga ashobora kumva asuzuguritse cyangwa ari nko kumuseka.

*Byavuye mu gitabo cyitwa 'Family Health International: Playgroup Activities.'

Uburyo bwa 2

1. Saba abana kwicara bakoze uruziga.
2. Sobanura:
 - Nimvuga izina ry'igice cy'umubiri, muracyerekana ku wundi muntu. Urugero, nimvuga "umutwe", mugomba kwerekana umutwe w'undi muntu.
3. Tangiza umukino:
 - Vuga "umutwe" maze utegereze abana berekane umutwe w'undi muntu. (Shishikariza ababyeyi gufasha abana babo gutunga intoki ku gice cy'umubiri umaze kuvuga.)
 - Shimira abana bose.
 - Bashishikarize kuvuga ijamba 'umutwe' hamwe nawe.
4. Musubiremo uyu mwitozo kugeza igihe murangirije kuvuga amazina y'ibice binyuranye by'umubiri.

Icyitonderwa: Niba hari abana/ababyeyi babura ibice bimwe by'umubiri cyangwa bafite ubumuga bwihariye, ugomba kugerageza gukora ku buryo hatagira umenya ko babufite. Uwo muntu ufite ubumuga ashobora kumva asuzuguritse cyangwa ari nko kumuseka.

*Byavuye mu gitabo cyitwa 'Family Health International: Playgroup Activities.'

UMWITOZO WA 6: GUSUKURA INTOKI*

Intego: Kumenya ibice by'umubiri w'umuntu.

Imfashanyigisho: Nta zo

Uko umwitozo ukorwa:

1. Saba abana kwicara bakoze uruziga.
2. Baza abana uti: Intoki zisukuye zimeze gute?
3. Sobanura: Intoki zisukuye ni intoki zitariho umwanda cyangwa za mikorobe. Dushobora kurya iyo intoki zacu zisukuye.
4. Baza abana uti: Ni gute dushobora gusukura intoki zacu?
5. Sobanura: Dusukura intoki zacu tuzikaraba dukoresheje isabune n'amazi.
6. Baza abana uti: Intoki zanduye zimeze gute?
7. Sobanura: Intoki zakoze ku bintu byinshi nko hasi, inyamaswa, n'ibikinisho, noneho zikaba ziriho umwanda cyangwa za mikorobe.
8. Baza abana uti: Kuki ari bibi kugira intoki zanduye?
9. Sobanura: Iyo intoki zacu zanduye zikaba ziriho za mikorobe, izo mikorobe zishobora kudutera indwara.
10. Baza abana uti: Ni ubuhe buryo bushobora kudufasha kumenya niba intoki zacu zisukuye cyangwa zanduye?
11. Sobanura: Rimwe na rimwe dushobora kumenya ko intoki zacu zisukuye cyangwa zanduye tuzireba, ariko hari igihe tuba tudashobora kubona uwo mwanda, noneho intozi zacu zigasa naho zisukuye, nyamara zanduye kandi zinariho za mikorobe. Intoki zacu zikora ku bintu byinshi bidasukuye akaba ari yo mpamvu tugomba gukaraba intoki kenshi kugira ngo biturinde indwara.
12. Baza abana uti: Ni ryari tugomba gukaraba intoki?
13. Sobanura: Tugomba gukaraba intoki buri gihe mbere yo kurya, iyo tuvuye ku musarani, n'igihe tuvuye gukina hanze cyangwa hari inyamaswa twakozeho.

14. Kwifashisha indobo z'amazi, isabune n'igitambaro gisukuye mu kwereka abana uko bakaraba intoki neza ukurikije uburyo butanu bworoheje (kubasobanurira ibyo ukoze kuri buri buryo):

- Gukoza intoki mu mazi, kuzisiga isabune maze ukazikuba mu gihe cy'amasegonda 15 (kuririmba indirimbo, kuririmba indirimbo y'itondenyeyi kugira ngo ubereke ko ukeneye igihe cyo gusiga isabune ku ntoki zawe).
- Kwiyunyuguza intoki ukoresheje amazi, maze ukazumutsa ukoresheje agatambaro cyangwa igitambaro cy'amazi.

15. Gusaba abana gukora umwitozo wo gukaraba intoki bakabikora nk'uko wabigenje.

16. Gusaba ababyeyi gufasha buri mwana banamushimira ko abikora neza.

*Byavuye mu gitabo cyitwa 'Family Health International: Playgroup Activities.'

UMWITOZO WA 7: MUREMURE NA MUGUFI*

Intego: Kongera ubushobozi bwo gutega amatwi no gushishoza.

Imfashanyigisho: Nta zo

Uko umwitozo ukorwa:

1. Saba abana guhagarara bakureba.
2. Sobanura:
 - Nimvuga "muremure" buri wese agomba kurambura amaboko kandi akagerageza kwigira muremure uko bishoboka kose.
 - Nimvuga "mugufi" buri wese agomba gusutama hasi kandi akagerageza kwigira mugufi uko bishoboka kose.
3. Tangiza umukino:
 - Vuga "muremure" maze utegereze kugira ngo buri wese aramburire amaboko mu kirere.
 - Shimira buri wese kubera ko yateze amatwi neza kandi akigira muremure
 - Vuga "mugufi" maze utegereze ko buri wese akora icyo asabwa.
 - Shimira buri wese.

Gusubiramo uyu mwitozo inshuro nkeya – ushishikariza abana n'ababyeyi kwigira barebare cyane, cyangwa kwigira bagufi bishoboka bitewe n'icyo uvuze.

*Byavuye mu gitabo cyitwa 'Family Health International: Playgroup Activities.'

IBITEKEREZO BYA GUFASHA UTEGURA IMYITOZO Y'UMUKINO USANZWE UTEGUYE: KU BANA B' IMYAKA 5 KUZAMURA



Ibitekerezo bya gufasha utegura imyitozo y'Umukino usanzwe uteguye

Ku bana b' imyaka 5 kuzamura

Imyitozo ikubiye muri iki gice igenewe abana bafite imyaka 5 kuzamura igihe cy'umukino usanzwe uteguye. Mwisanzure mu guhindura iyo myitozo mukurikije ibyo mwumva biberanye n'aho mutuye.

Imyitozo yo muri iki gice ikubiyemo:

- **Umwitozo wa 1: Agati** Uyu mwitozo ushishikariza abana gukora siporo n'amarushanwa.
- **Umwitozo wa 2: Gukurikira Ishusho** Uyu mwitozo ufasha abana kumenya amashusho atandukanye.
- **Umwitozo wa 3: Gufata umurizo w'indogobe/ifarasi** Uyu mwitozo ugamije gufasha abana kongera ubushobozi bwo gutekerezza no kugenda vuba, no gufatanya n'abandi.
- **Umwitozo wa 4: Inyoni ziguruka** Uyu mwitozo ufasha abana kongera ubushobozi bwo gutege amatwi, gutekerezza no guhuza ibikorwa.
- **Umwitozo wa 5: Umukino wo kunyuza Agapira Hejuru no munsu** Uyu mwitozo ugamije gufasha abana kongera ubushobozi bwo gutekerezza, guhuza ibikorwa no gufatanya n'abandi.
- **Umwitozo wa 6: Gukora amatsinda hakurikijwe umubare runaka** Uyu mwitozo ufasha abana kongera ubushobozi bwo kubara no gufatanya n'abandi.
- **Umwitozo wa 7: Sakwe Sakwe** Uyu mwitozo ushishikariza abana kongera ubumenyi mu ndimi.

UMWITOZO WA 1: AGATI

Intego: Siporo n'amarushanwa.

Imfashanyigisho: Agakoni cyangwa urupapuro runini ruzingazinze cyangwa marikeri.

Uko umwitozo ukorwa:

1. Gusaba abana gukora imirongo ibiri iteganye igizwe n'umubare w'abana ungana kandi bajya kuba mu kigero kimwe.
2. Ku mpera z'umurongo wa mbere umwana ahagarara hu ruhande rw'iburyo afite agakoni.
3. Ku murongo wa kabiri umwana ahagarara ku ruhande rw'ibumoso nawe afite agakoni.
4. Gusobanurira abana ko bagiye gukina biruka baherezanya agati ariko ko uwiruka agomba guca inyuma y'imirongo.
5. Gusobanurira abana ko unyura imbere y'umurongo aba atsinzwe, bongera bagatangira
6. Gusaba abana ko bitegura gutangira umukino, numara kubara kuva kuri rimwe kugera kuri gatatu (1,2,3), abana bafite uduti bagatangiza umukino:
7. Buri mwana aca inyuma y'umurongo w'abo bari kumwe akiruka ashaka gukoza agati kuri mugenzi we watangiye k'umurongo wundi, iyo ageze aho undi yaturutse ataramukoza aho agakoni, agahereza undi ukurikiyeho nawe agakomeza bityo bityo kugeza igihe habonekeye igitego.
8. Icyitonderwa: Igitego kiboneka iyo hari umwe mu bakina wabashije kwiruka agafata mugenzi we akamukozaho agakoni cyangwa se mu gihe hagize uca imbere y'imirongo abona ko agiye gufatwa.
9. Iyo igitego kibonetse abakina bahinduranya imirongo.

UMWITOZO WA 2: GUKURIKIRA ISHUSHO*

Intego: Kwiga amashusho.




Imfashanyigisho: Impapuro za A4 zishushanyijeho amashusho.




Uko umwitozo ukorwa:

1. Erekana urupapuro rushushanyijeho rimwe mu mashusho akurikira. (Uruziga, Kare, Mpandeshatu, Urukiramende, Kibe, Inyenyeri, n'ibindi) kugira ngo buri wese aribone.
2. Gusaba abana kuvuga izina ry'ishusho.
3. Noneho usabe abo bana bazamure amaboko maze mushushanyirize hamwe iryo shusho mu kirere.
4. Shimira buri wese.
5. Babwire bahagarare bakoze ishusho ryavuzwe haruguru (Waberetse), ni ukuvuga uruziga, kare, n'ibindi noneho bafana ibiganza kugira ngo bakore iryo shusho rimaze kuvugwa.
6. Basabe bongere bavuge izina ry'iryo shusho.
7. Niba babishobora, shishikariza abo bana gukomeza kugerageza kwishyira hamwe bakora iryo shusho (rigomba kuba ari ishusho ryiza koko ry'uruziga, kare, mpandeshatu, n'ibindi).
8. Gusubiramo uyu mwitozo ku mashusho anyuranye.

Icyitonderwa: ababyeyi bashobora gufasha abana babo gushushanya ishusho mu kirere bayobora ikiganza cy'umwana. Na none, abo babyeyi bashobora kwerekera abana uko bahagarara bakoze iryo shusho.

*Byavuye mu gitabo cyitwa 'Family Health International: Playgroup Activities.'





UMWITOZO WA 3: GUFATA UMURIZO W'INDOGOBE*

Intego: Kongera ubushobozi bwo gutekereza vuba, kwihuta no gufatanya n'abandi.

Imfashanyigisho: Nta zo

Uko umwitozo ukorwa:

1. Hitamo umwana umwe abe umutwe w'Indogobe maze ubwire abandi bana basigaye ko ari umurizo w'Indogobe.
2. Bwira abo bana bakore umurongo nyuma ya wa mwana wakinnye ari umutwe w'Indogobe/ifarasi maze buri wese afate ku rutugu rwa mugenzi we umuri imbere.
3. Sobanura ko umutwe w'indogobe ugomba kugerageza gufata ku mpera y'umurizo w'indogobe (umwana wa nyuma ku murongo). Abo bana bagomba kugendera hamwe kandi ntabwo bagomba kurekura urutugu rw'umwana ubari imbere. Umurizo w'Indogobe/ifarasiugomba kugerageza guhunga uko bishoboka umutwe w'indogobe.
4. Iyo impera y'umurizo w'indogobe ifashwe, umwana wa nyuma ku murongo aba atsinzwe maze umwana wari umutwe w'indogobe/ifarasi akajya mu mwanya we noneho agahinduka umurizo.
5. Umukino urangira iyo abana bose bafashwe hasigaye gusa abana babiri (umutwe n'umurizo by'indogobe).

*Byavuye mu gitabo cyitwa 'Family Health International: Playgroup Activities.'

UMWITOZO WA 4: INYONI ZIGURUKA*

Intego: Kongera ubushobozi bwo kumva no gutekereza.

Imfashanyigisho: Nta zo

Uko umwitozo ukorwa:

1. Saba abana guhagarara bakureba.
2. Sobanura ko ugiye guhamagara uvuga amazina y'inyamaswa. Zimwe muri izi nyamaswa zishobora kuguruka. Izindi ntabwo zishobora kuguruka. Nimwumva izina ry'inyamaswa ishobora kuguruka, muriruka maze muzunguze amaboko nk'aho ari amababa. Urugero:
 - "Ifundi ziraguruka!" Abana bose bazunguze amaboko.
 - "Imbata ziraguruka!" Abana bose bazunguze amaboko.
 - "Intashya ziraguruka!" Abana bose bazunguze amaboko.
 - "Inka ziraguruka!" Abana bose ntibave aho bari. Inka ntabwo ziguruka.
3. Rangiza uwo mukino ushimira abana bose kubera ko bamenye inyamaswa zifite amababa kandi zishobora kuguruka.

*Byavuye mu gitabo cyitwa 'Family Health International: Playgroup Activities.'

UMWITOZO WA 5: UMUKINO WO KUNYUZA AGAPIRA HEJURU NO MUNSI*

Intego: Kongera ubushobozi bwo gutekereza, guhuza ibikorwa no gufatanya n'abandi.

Imfashanyigisho: Nta zo

Uko umwitozo ukorwa:

1. Gabanya abana mu matsinda y'abantu batanu cyangwa batandatu maze uhe buri tsinda umupira.
2. Erekanura umurongo wo gutangiriraho no kurangirizaho maze usabe ayo matsinda gukora umurongo inyuma y'umurongo wo gutangiriraho.
3. Sobanura ko nuvuka ngo, "Mugende!" umwana uri imbere mu itsinda agomba guhereza umupira umwana uri inyuma uwunyujije hejuru y'umutwe (adahindukiye). Umwana ukurikiyeho afata uwo mupira maze akawuhereza undi awunyujije muni y'amaguru (adahindukiye).
4. Umwana ukurikiyeho afata uwo mupira maze akawuhereza undi awunyujije hejuru y'umutwe bagakomeza gutyo. Uyu mukino wo 'hejuru-muni' urakomeza ku murongo wose kugeza umupira ugeze ku mwana wa nyuma ku murongo.
5. Uyu mwana agomba kwiruka aya inyuma ku murongo akajya imbere maze akongera gutangira uwo mukino wo gucisha umupira 'hejuru-muni.'
6. Uwo mukino urakomeza kugeza buri mwana anyuze imbere ku murongo. Iyo umwana wari uri imbere ku murongo umukino utangira agarutse imbere, abagize itsinda bese bagomba kwicara.
7. Itsinda ryicaye bwa mbere ni ryo riba ritsinze.

*Byavuye mu gitabo cyitwa 'Family Health International: Playgroup Activities.'

UMWITOZO WA 6: GUKORA AMATSINDA HAKURIKIJE UMUBARE RUNAKA*

Intego: Kongera ubushobozi bwo kubara no gufatanya n'abandi.

Imfashanyigisho: Nta zo

Uko umwitozo ukorwa:

1. Saba abana guhagarara bakureba.
2. Sobanura ko ugiye guhamagara uvuga imibare noneho umubare nuvugwa, abo bana bagomba kwihutira gukora amatsinda y'uwo mubare.
 - Urugero, niba umubare kane uvuzwe, abo bana bagomba gukora amatsinda agizwe n'abantu bane.
 - Niba umubare kabiri uvuzwe, abo bana bagomba gukora amatsinda agizwe n'abantu babiri.
3. Mukine uwo mukino igihe mwumva gikwiye.

*Byavuye mu gitabo cyitwa 'Family Health International: Playgroup Activities.'

UMWITOZO WA 7: SAKWE SAKWE

Intego: Gushishikariza kongera ubumenyi mu ndimi.

Imfashanyigisho: Nta zo

Uko umwitozo ukorwa:

1. Saba abana kwicara bakoze uruziga.
2. Kuvuga “Sakwe, Sakwe” kugira ngo batege amatwi.
3. Gusaba abana gusubiza ngo: “Soma, Soma”.
4. Kuvuga kimwe mu bisakuzo bikurikira:

Igisakuzo cya 1:

- Sogokuru aryoha Aboze
- Umuneke

Igisakuzo cya 2:

- Mfite abana 24, buri wese afite icyumba cye, iyo nya kubatuma mbanza kubaca umutwe
- Fanta

Igisakuzo cya 3:

- Inka yanjye nyikama igaramye
- Umuvure

Igisakuzo cya 4:

- Ngigye mu rutoki abasirikare baramfata
- Ibishokoro

Igisakuzo cya 5:

- Kagaramiye inzira
- Agakongorerwa

Igisakuzo cya 6:

- Mpagaze ku musozi nyarira abepfo
- Imvura

Igisakuzo cya 7:

- Mpagaze mu Rwanda mburira kw’isi
- Radiyo

Igisakuzo cya 8:

- Mfite abakobwa 10, upfuye ijisho muri bo yabatanze gusabwa
- Inopfu mu masaka

Igisakuzo cya 9:

- Ko undeba ndaguha
- Inyenge y’inzu

Igisakuzo cya 10:

- Abana ba mukeba bambaye imigoma bose
- Ibigori

Igisakuzo cya 11:

- Agacwende kanjye kambaye kure mba ngukoreyemo
- Ukwezi

Igisakuzo cya 12:

- Barugerageze imigozi barushyire hagati y’abagabo
- Umutsima

Igisakuzo cya 13:

- Hepfo ngo pi, hiryana ngo pi
- Imvura

Igisakuzo cya 14:

- Hano ngo shi na hano ngo shi
- Igisheke

Igisakuzo cya 15:

- Ngira umwana akarara agenda.
- Umugenzi

Umugereka

Ibitabo byakoreshejwe

Repubulika y’u Rwanda, Minisitiri y’Uburezi, Ikigo cy’Igihugu gishinzwe integanyanyigisho. (2007).

Overview: Early Childhood Development (Igitabo cya 1).

Repubulika y’u Rwanda, Minisitiri y’Uburezi, Ikigo cy’Igihugu gishinzwe integanyanyigisho. (2007).

Becoming Parents: An Informal Guide (Igitabo cya 2).

Repubulika y’u Rwanda, Minisitiri y’Uburezi, Ikigo cy’Igihugu gishinzwe integanyanyigisho. (2007). Pre-

Natal Development to Three Years (Home-Care Years) (Igitabo cya 3).

Repubulika y’u Rwanda, Minisitiri y’Uburezi, Ikigo cy’Igihugu gishinzwe integanyanyigisho. (2007). Three to

Five Years (Nursery years) and Five to Six Years (Reception Year) (Igitabo cya 4).

Repubulika y’u Rwanda, Minisitiri y’Uburezi, Ikigo cy’Igihugu gishinzwe integanyanyigisho. (2007). A Guide

for Family and Neighborhood Animators (Igitabo cya 5).

Repubulika y’u Rwanda, Minisitiri y’Uburezi, Ikigo cy’Igihugu gishinzwe integanyanyigisho. (2007). A Guide for

Guardians and Teachers Working in the ECD Sector (Imyaka 0-3) (Imyaka 3-5) (Imyaka 5-6) (Igitabo cya 6).

Repubulika y’u Rwanda, Minisitiri y’Uburezi, Ikigo cy’Igihugu gishinzwe integanyanyigisho. (2007). A Guide

for Family and Neighborhood Collections of Educational Materials, Equipment and Toys (Igitabo cya 7).

Family Health International (FHI). 2009. Playgroup Resource Book, For Children Aged 3-5 Years and 6- 12

Years.

Izindi nyandiko zakoreshejwe

Right to Play, Early Child Play: Leader Manual Part 1 – Introduction. (2007).

Repubulika y’u Rwanda, Minisitiri y’Uburezi, Early Childhood Development Policy, 2011.

Repubulika y’u Rwanda, Minisitiri y’Uburezi, Integrated Early Childhood Development Strategic Plan –

2011/2012-2015/2016, 2011.

Repubulika ya Afurika y’Amajyepfo, Minisitiri y’Uburezi, Ishami rishinzwe gukurikirana imikurire y’abana,

Early Learning and Development Ideas for Parents and Caregivers.



USAID
FROM THE AMERICAN PEOPLE



**Global
Communities**
Partners for Good